# 262: Umva gusaba kwanjye

1.

Umva gusaba kwanjye, Mwuka w'imbaraga Shyir' ububasha bwawe Mu mutima wanjye. Mwuka Wera,
hishuraibyaha bindimo; Mpesh' ubugingo bushya, ibyaha bimvemo.

2.

Za mu mutima wanjye Mbese, nabaho nte, Ntagufite ng' umbemo?Najya nizera nte ? Mwuka,
nyobora neza :Nzajya nkwemerera; Ump' ubugingo bushya N'umutima mwiza.

3.

Ne kongera gutinya iby'Umwanzi mubi, Kuk' ukunda kumfasha,Ukampa kunesha.
Mwuka, nyemez' ibyawe Mu mutima wanjye; Uwuzuz' ubugingo No kunesha byose

Visit us at indirimbo.com